


IKAWA

1.Kawa yera mu Ntara zose z'u Rwanda no mu Turere twose two mu gihugu.Hakurikijwe ibarura rya kawa ryabaye mu mwaka wa 2009, Intara zifite amakawa menshi ni Intara y'Iburengerazuba, y'Amajyepfo, n'iy'Iburasirazuba.Uturere 6 twambere mukugira amakawa menshi ni Nyamasheke, Rusizi,Gakenke, Kamonyi, Ngoma na Rutsiro.

Kawa yera mu butaka bwiza, burebure, buhehereye kandi budakomeye cyane.



Ikarita yu Rwanda igaragaza aho kawa iteye naho inganda zitunganya ibitumbwe (Coffee washing stations) zihereye.

2. Gutegura ubuhumbikiro (Pepiniyeri) :

- Bahumbika mu Ukwakira n'Ugushyingo ; 1Kg y'imbutu gitanga ingemwe ziri hagati ya 2.500 na 3.000.
- Ubuhumbikiro bushyirwa buzashobora kuvomererwa ku buryo bworoshye, kandi bugatwikirwa.

Ingemwe zigemurirwa (pepiniyeri) mu bihoho (birimo itaka ryiza n'ifumbire) nyuma y'amezi 3 cg 4, zikavomererwa buri gihe ; zikamaramo amezi 8.



Ingemwe za kawa ziteguye muri pepiniere

3. Amoko yamamazwa:

- Jackson 2/125, BM 71 na BM 139

4. Gutegura umurima

- Guhinga no kuvanamo imizi yibiti mugihe irimo

- Gucukura imirwanya suri
- Gucukura imyobo ya 60 cm z'ubugari kuri 60 cm z'uburebure na 60 cm z'ubujyakuzimu.
- Iyo imyobo irangiye gucukurwa hashyirwamo ifumbire yimborera (15-20kg) ikavangwa nibitaka muri wamwobo ingemwe zikabona guterwa.

5. Gutera ingemwe:

- Batera urugemwe 1 muri buri mwobo kuri m 2 hagati y'umwobo n'undi ku murungo umwe na m 2 hagati y'umurongo nundi;.
- Batera ingemwe 2 500 kuri Ha.
- Iterwa ry'ingemwe riba mu mezi y'Ukwakira n'Ugushyingo; bagasimbura ingemwe zapfuye muri Werurwe.
- Nyuma y'amezi 10 itewe, kawa irangondwa hagamijwe kuzarera amashami 3 kuri buri giti cya kawa arinayo akura akazatanga umusaruro Kawa yera hamaze imyaka 3 itewe.

6. Gukorera no gufata neza kawa

- Kubagara uvanamo ibyatsi, wirinda gukomeretsa imizi y'ikawa.
- Gusasira umurima wose ukoresheje Temeda, Setaria, ibirere n'ibindi bishishwa biboneka.
- Gukata: buri mwaka amashami yo hasi atacyera, ayumye, asobekeranye n'ibisambo (ikata ryongera umusaruro), ibi bituma mumurima hazamo umucyo ikawa ikera neza kugira kandi ngo amashami ashaje atabika indwara nibyonnyi mumurima
- Gusazura: bikorwa nyuma y'imyaka 6 cyangwa 7 kawa itanga umusaruro; ku mwaka wa mbere batema ibiti 2 nyuma y'isarura (Nyakanga-Kanama), hagasigara kimwe; ku mwaka wa kabiri batema igiti cya gatatu cyasigaye, bamaze kongera gutoranya ibishibu 3 bifite cm 50.

7. Gufumbira

- Gutera g 200 za NPK 22.06.12+S mu byiciro bibiri ku giti gikuze (g 100, imvura igitangira kugwa hagati ya Werurwe na Gicurasi na g 100 hagati ya Nzeri n'ukubozza).
- Mu butaka bukarishye cyane, bashyiramo kg 1 cy'ishwagara ku giti buri myaka 3.
- Gutera mu ikawa ibiti ndumburabutaka n'ibitanga igicucu (Caliyandra, Lusena, greveliya...)

8. Gusarura, gutunganya no guhunika umusaruro

- Kawa itangira kwera bwambere hashize amezi 3 itewe. Isarurwa yeze neza (imbuto zitukura), ikagemurwa ku ruganda rutunganya ibitumbwe (Coffee Washing Station), aho yanikwa ku meza (Tables de séchage) asukuye, ku zuba ritari ryinshi, kawa yumye neza ntirenza 12% z’ubuhere.



Ikawa yeze neza igeze igihe cy’isarura

- Basarura hagati ya kg3-kg 4 z’ibitumbwe ku giti cya kawa bitewe n’imitere y’ahantu n’imihingire y’ikawa. Kawa ibikwa ahantu habigenewe, heza, hari umwuka uhagije